# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

**2024** Tariki 24- 31 Ukwakira




## Football : Amavubi yasezereye Djibouti mu gushaka itike ya CHAN 2024

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo

P1 **Football :** Amavubi yasezereye Djibouti mu gushaka itike ya CHAN 2024

P2 **Golf :** Habaye irushanwa "BPR-KCB East Africa Golf Tour"

P2 **Volleyball :** Habaye imikino y'umunsi wa kabiri wa shampiyona

P3 **Football :** Habaye imino y'umunsi wa 7 ya shampiyona

P3 **Cricket :** Minisitiri Nyirishema yasuye RCA

P4 **Handball :** FERWAHAND yahawe inkunga y'imipira 30

P4 **Swimming :** Ubuyobozi bwa RSF bwasuye amakipe y'i Kigali na Rwamagana

P5 **Athletics :** Muhitira yegukanye isiganwa mu Bufaransa

P5 **Sitting Volleyball :** Hatangiye umwaka w'imikino wa 2024-2025

P6 **Basketball :** Habaye irushanwa "Betpawa 3x3"

P6 **Cycling** : Abayobozi muri MINISPORTS basuye ikigo cy'imyitozo cya Musanze

P6 **Cricket :** Habaye inama rusange ya RCA

P7 Hatangijwe umwaka w'imikino mu mashuri

P7 **Handball :** Habaye imikino ya shampiyona y'umunsi wa mbere

P8 **Cricket :** Ikipe y'u Rwanda ntiyakomeje mu cyiciro cya nyuma cy'mikino yo gushaka itike y'igikobe cy'Isi

# 1 **Football :** Amavubi yasezereye Djibouti mu gushaka itike ya CHAN 2024

Tariki 27 na 31 Ukwakira 2024, ikipe y'u Rwanda "Amavubi" yakinnye na Djibouti imikino ibiri mu rwego rwo gushaka itike y'imikino ya nyuma y'Afurika ariko ikinwa n'abakinnyi bakina imbere mu gihugu "CHAN 2024".

Muri iyi mikino y'icyiciro cya mbere "First round", ikipe y'u Rwanda yasezereye Djibouti ku bitego 3-1 mu mikino yombi. Umukino ubanza wabaye tariki 27 Ukwakira 2024, Djibouti yatsinze Amavu igitego 1-0 naho umukino wo kwishyura wabaye tariki 31 Ukwakira 2024, Amavubi atsinda Djibouti ibitego 3-0. Iyi mikino yombi yabereye kuri Sitade Amahoro.

Mu cyiciro gikurikiraho Amavubi azahura n'ikipe ya South Sudan yasezereye ikipe ya Kenya ku bitego 3-1.

Imikino ya CHAN 2024 biteganyijwe ko izabera mu bihugu 3 byo mu Karere k'Afurika y'i Burasirazuba ari byo Kenya, Uganda na Tanzania, tariki 1 kugeza 28 Gashyantare 2025.












## **Golf :** Habaye irushanwa "BPR-KCB East Africa Golf Tour"

Tariki 25 na 26 Ukwakira 2024, muri Kigali Golf Resorts i Nyarutarama habereye irushanwa ry'umukino wa Golf "BPR-KCB East Africa Golf Tour".

Iri rushanwa ryari ryitabiriwe n'abakinnyi barenga 200 bahatanira itike yo kuzitabira imikino ya nyuma "KCB East Africa Golf Tour 2024" izabera muri Kenya, tariki 06 Ukuboza 2024.

Abakinnyi babonye itike yo kuzitabira imikino ya nyuma "KCB East Africa Golf Tour 2024" ni Olwit Anthony, Murekatete Alphonsine, Nganga Barnabas, Benjamin Mukisa wari wanayibonye umwaka ushize.







## **Volleyball :** Habaye imikino y'umunsi wa kabiri wa shampiyona

Tariki 25 kugeza 27 Ukwakira 2024 habaye imikino y'umunsi wa kabiri muri shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore mu mukino wa Volleyball. Iyi mikino yose yabereye muri Petit Stade Amahoro i Remera.

**Uko imikino yagenze**










| NO. | TEAMS | MP | W | L | SETS | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | POLICE VC | 2 | 2 | 0 | 6:0 | 6 |
| 2. | EAU RWANDA VC | 2 | 2 | 0 | 6:2 | 6 |
| 3. | GISAGARA VC | 2 | 1 | 1 | 4:3 | 3 |
| 4. | KEPLER VC | 2 | 1 | 1 | 3:4 | 3 |
| 5. | REG VC | 2 | 1 | 1 | 3:4 | 3 |
| 6. | RP NGOMA VC | 2 | 0 | 2 | 2:6 | 0 |
| 7. | KVC | 1 | 0 | 1 | 1:3 | 0 |
| 8. | APR VC | 1 | 0 | 1 | 0:3 | 0 |




| NO. | TEAMS | MP | W | L | SETS | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | POLICE WVC | 3 | 3 | 0 | 9:3 | 8 |
| 2. | RRA WVC | 2 | 2 | 0 | 6:1 | 6 |
| 3. | APR WVC | 2 | 1 | 1 | 5:3 | 4 |
| 4. | RUHANGO WVC | 2 | 2 | 1 | 4:3 | 3 |
| 5. | KEPLER WVC | 2 | 1 | 1 | 3:3 | 3 |
| 6. | EAU RWANDA WVC | 2 | 0 | 2 | 1:6 | 0 |
| 7. | WISDOM WVC | 2 | 0 | 2 | 0:6 | 0 |
| 8. | RP HUYE WVC | 1 | 0 | 1 | 0:3 | 0 |

## **Football :** Habaye imino y'umunsi wa 7 ya shampiyona

Tariki 25 na 26 Ukwakira 2024 habaye imikino y'umunsi wa 7 ya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mpira w'amaguru mu bagabo.

**Uko imikino yagenze**


RWANDA PREMIER LEAGUE
RESULTS
DAY 7

| | | |
|---|---|---|
| FRIDAY 25 OCTOBER 2024 | | |
| GORILLA FC | 3-0 | AMAGAJU FC |
| SATURDAY 26 OCTOBER 2024 | | |
| VISION FC | 4-0 | MARINE FC |
| KIYOVU SPORTS | 1-2 | BUGESERA FC |
| RUTSIRO FC | 0-1 | GASOGI UNITED |
| MUHAZI UNITED | 0-0 | MUKURA VS |


TABLE
2024-2025

| POS | CLUB | PG | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|
| 1 | GORILLA FC | 7 | +6 | 14 |
| 2 | AS KIGALI | 6 | +3 | 13 |
| 3 | POLICE FC | 6 | +8 | 12 |
| 4 | RAYON SPORTS | 5 | +4 | 11 |
| 5 | GASOGI UNITED | 7 | +1 | 11 |
| 6 | MUKURA VS | 7 | -1 | 9 |
| 7 | AMAGAJU FC | 7 | -3 | 9 |
| 8 | MARINES FC | 7 | -2 | 8 |
| 9 | MUHAZI UNITED | 7 | -3 | 7 |
| 10 | RUTSIRO FC | 6 | -1 | 7 |
| 11 | MUSANZE FC | 6 | +1 | 6 |
| 12 | BUGESERA FC | 6 | -2 | 6 |
| 13 | VISION FC | 7 | 0 | 5 |
| 14 | APR FC | 2 | +1 | 4 |
| 15 | ETINCELLES FC | 6 | -3 | 4 |
| 16 | KIYOVU SPORTS | 6 | -9 | 3 |





## **Cricket :** Minisitiri Nyirishema yasuye RCA

Tariki 23 Ukwakira 2024, Minisitiri wa Siporo "MINISPORTS", Nyirishema Richard ari kumwe n'Umunyamabanga Uhoraro muri iyi Minisiteri, Mukazayire Nelly basuye ishyirahamwe ry'umukino wa Cricket mu Rwanda "RCA" aho rikorera kuri Sitade Mpuzamahanga y'uyu mukino i Gahanga.

Minisitiri Nyirishema n'intumwa yari ayoboye bagiranye ibiganiro n'ubuyobozi bwa RCA barebera hamwe aho iterambere ry'umukino wa Cricket rigeze ndetse n'ubufatanye buryambye mu gukomeza guteza imbere uyu mukino.









## **Handball :** FERWAHAND yahawe inkunga y'imipira 30

Tariki 25 Ukwakira 2024, ishyirahamwe ry'umukino wa Handball mu Rwanda "FERWAHAND" ryakiriye inkunga y'imipira 30 yo gukina yatanzwe n'ishyirahamwe ry'umukino wa Handball mu Buyapani.

Iyi nkunga yakiriwe na Perezida wa FERWAHAND, Twahirwa Alfred ayishyikirijwe n'Umunyamabanga muri Ambasade y'u Buyapani mu Rwanda, Yuta Moriguchi.

Iki gikorwa akaba ari intangiriro y'ubufatanye hagati y'u Rwanda n'u Buyapani bugamije guteza imbere umukino wa Handball.










## **Swimming :** Ubuyobozi bwa RSF bwasuye amakipe y'i Kigali na Rwamagana

Tariki 26 na 27 Ukwakira 2024, ubuyobozi bw'ishyirahamwe ry'umukino wo Koga mu Rwanda "RSF" bwasuye amakipe akorera muri Kigali ndetse no mu Karere ka Rwamagana.

Amakipe yasuwe harimo Cercle Sportif de Kigali, Les Dauphins na Mako Sharks SC akorera mu mujyi wa Kigali. Hasuwe kandi Rwamagana Canoe na Aquatics Club zikorera mu Karere ka Rwamagana.

Iyi gahunda yo gusura amakipe ikaba yaratangiriye i Rubavu na Gicumbi.







## **Athletics :** Muhitira yegukanye isiganwa mu Bufaransa

Tariki 27 Ukwakira 2024, Muhitira Félicien yegukanye isiganwa ry'ibilometero 20 ryabereye mu mujyi wa Marseille mu Bufaransa "Marseille-Cassis 2024".

Iri siganwa ryari ribaye ku nshuro ya 45 rikaba ryaritabiriwe n'abantu basaga ibihumbi 20, Muhitira yabaye uwa mbere mu cyiciro cy'abagabo akoresheje isaha 1, umunota 1 n'amasegonda 32. Ku mwanya wa kabiri haje Youssef Benhadi (Maroc) naho Félix Bour (France) aba uwa 3.

Mu bagore isiganwa ryegukanwe na Clémence Calvin ukomoka mu Bufaransa akaba yarakoresheje isaha 1, iminota 13 n'amasegonda 39.









## **Sitting Volleyball :** Hatangiye umwaka w'imikino wa 2024-2025

Tariki 26 na 27 Ukwakira 2024, muri NPC Rwanda Gymnasium i Remera habereye imikino y'umunsi wa mbere wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mukino wa Sitting Volleyball mu bagabo n'abagore "Sitting Volleyball Championship 2024-2025 " ndetse n'icyiciro cya kabiri mu bagabo.

Mu cyciro cya mbere mu bagabo hitabiriye amakipe 10 ari yo Gisagara, UR Rukara, Gasabo, Kicukiro, Musanze, Burera, Rusizi, Rubavu, Nyagatare na Rwamagana naho mu bagore ni amakipe 9 ari yo Musanze, Rwamagana, Nyarugenge, Dream Generation, Rulindo, Ruhango, Gakenke, Rusizi na Bugesera.

Mu cyiciro cya kabiri mu bagabo hitabiriye amakipe 9 ari yo Gatsibo, UR Huye, Muhanga, Nyanza, UR Nyagatare, Kayonza, Ruhango, Rutsiro na UR Huye.

Amakipe afite igikombe cya shampiyona giheruka yitwaye neza, Gisagara mu bagabo yatsinze Burera amaseti 2-0 naho mu bagore, Bugesera itsinda Rwamagana amaseri 2-0.

Mu cyiciro cya kabiri imwe mu mikino yabaye, Nyanza yatsinze Muhanga amaseti 2-0, Ruhango itsinda Rutsiro amaseti 2-1, Kayonza itsinda UR Nyagatare amaseti 2-0.






## **Basketball :** Habaye irushanwa "Betpawa 3x3"

Tariki 27 Ukwakira 2024 muri IPRC Kigali habereye irushanwa rya Basketball y'abakina ari 3 kuri 3 "Betpawa 3x3".

Iri rushanwa ryari ryitabiriwe n'amakipe 8 mu bagabo aho yari agizwe n'abakinnyi bakina mu cyiciro cya mbere ndetse n'icya kabiri.

Ikipe ya The Kings yari igizwe na Shema Didier, Kwizera Hubert Sage, Cyiza Twizeyimana Chandelier na Herve Hodali yegukanye igikombe itsinze Green Team amanota 15 kuri 12. Iyi kipe yari igizwe na Ndayisaba Ndizeye Dieudonné, Justin Uwitonze, Yamin Niyubahwe na Muhawenumukiza Eric.

Hanabaye imikino kandi mu cyiciro cy'abakanyujijeho "Veterants" ahari hitabiriye amakipe 4.












## **Cycling :** Abayobozi muri MINISPORTS basuye ikigo cy'imyitozo cya Musanze

Tariki 30 Ukwakira 2024, Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri ya Siporo "MINISPORTS", Mukazayire Nelly ari kumwe n'abandi bakozi batandukanye hamwe n'abayobozi mu ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda "FERWACY" basuye ikigo cy'imyitozo y'umukino w'amagare i Musanze "Africa Rising Cycling Center".

Abayobozi ku mpande zombi baganiriye mu mikorere y'iki kigo ndetse n'uburyo yanozwa kugira ngo gifashe mu iterambere ry'umukino w'amagare mu byiciro bitandukanye.




## **Cricket :** Habaye inama rusange ya RCA

Tariki 26 Ukwakira 2024, muri M Hotel habereye inama rusange yahuje ubuyobozi bw'ishyirahamwe ry'umukino wa Cricket mu Rwanda "RCA" n'amakipe.

Iyi nama ikaba yari igamije kurebera hamwe ibikorwa byabaye mu mwaka w'imikino ushize wa 2023-2024 no gutegura umwaka wa 2024-2025.






# Hatangijwe umwaka w'imikino mu mashuri

Tariki 27 Ukwakira 2024, mu Karere ka Rusizi ni ho hatangirijwe ku rwego rw'igihugu umwaka w'imikino wa 2024-2025 mu mashuri.

Iki gikorwa kikaba cyari cyateguwe n'ishyirahamwe ry'imikino mu mashuri mu Rwanda "FRSS".

Ubwo hatangizwaga umwaka w'imikino mu mashuri habaye ibikorwa bitandukanye birimo siporo rusange, imikino njyarugamba, Basketball ndetse n'imbyino gakondo. Habanaye kandi igikorwa cyo gupima indwara zitandura.










# Handball : Habaye imikino ya shampiyona y'umunsi wa mbere

Tariki 26 na 27 Ukwakira 2024 habaye imikino ya shampiyona y' umunsi wa mbere mu mukino wa Handball "Rwanda Handball League 2024-2025".

Imikino y'icyiciro cya mbere mu bagabo yabereye i Musanze na Kimisagara.

**Uko imikino yagenze**

**Tariki 26-10-2024**

- Musanze **41-27** UR Rukara
- UR Rukara **09-45** APR HBC
- APR HBC **37-18** Musanze
- UB Sports **30-21** UR Huye
- UR Huye **13-39** Police HBC
- Police HBC **38-23** UB Sports

**Tariki 27-10-2024**

- Nyakabanda **23-37** Gorillas
- Gicumbi HBT **38-17** Nyakabanda
- Gorillas **29-46** Gicumbi HBT





# **Cricket :** Ikipe y'u Rwanda ntiyakomeje mu cyiciro cya nyuma cy'mikino yo gushaka itike y'igikobe cy'Isi

Tariki 19 kugeza 24 Ukwakira 2024, i Nairobi muri Kenya habereye imikino y'Afurika mu itsinda B mu gushaka itike y'igikombe cy'Isi mu bagabo "ICC Men's T20 World Cup Sub-Regional Qualifiers B".

Iyi mikino yitabiriwe n'amakipe 6 ari yo Zimbabwe, Gambia, Mozambique, u Rwanda, Seychelles na Kenya. Aya makipe yakinnye hagati yayo maze ikipe ya Zimbabwe iba iya mbere n'amanota 10 aho yatsinze imikino yose uko ari 5, Kenya iba iya kabiri n'amanota 8 aho yatsinze imikino 4.

Ikipe ya Mozambique yabaye iya 3 n'amanota 6, ikipe y'u Rwanda iba iya 4 n'amanota 4 aho yatsinze imikino 2, Seychelles yasoreje ku mwanya wa 5 n'amanota 2 naho Gambia isoreza ku mwanya 6 n'amanota 0.

Ikipe ya Zimbabwe na Kenya zakomeje mu cyiciro cya nyuma cy'imikino yo gushaka itike "2025 ICC Men's T20 World Cup Africa Regional Final" aho zasanze Malawi, Namibia, Tanzania na Uganda hakaba hategerejwe andi amakipe abiri azaba aya mbere mu mikino yo mu itsinda C "2024 ICC Men's T20 World Cup Africa Sub-regional Qualifier C" izabera muri Nigeria, tariki 23 kugeza 28 Ugushyingo 2024, amakipe azakina akaba ari Botswana, Eswatini, Ivory Coast, Nigeria, Saint Helena na cya Sierra Leone.

Imikino ya nyuma yo gushaka itike izaba muri 2025, amakipe 8 azahatanira imyanya 2 yo kuzitabira imikino y'igikombe cy'Isi "2026 ICC Men's T20 World Cup" izabera India na Sri Lanka muri Gashyantare na Werurwe 2026.












RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera-Hallmark Center Building KG 17 Ave